**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUREZI**
**B.P 622 KIGALI**

# ITANGANZO KU NGENDO Z'ABANYESHURI BIGA BACUMBIKIRWA

Hashingiwe ku ngengabihe y'isubukurwa ry'amasomo yatangajwe, Minisiteri y'Uburezi iramenyesha ababyeyi n'abanyeshuri ko gahunda y'ingendo ku banyeshuri biga bacumbikirwa iteye ku buryo bukurikira:

1. **ABANYESHURI BAZATANGIRA AMASOMO KU WA 2 UGUSHYINGO 2020 NI ABIGA MU MYAKA IKURIKIRA** :

- **Amashuri yisumbuye:** umwaka wa gatatu (S3), uwa gatanu (S5) n'uwa gatandatu (S6);
- **Amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro (TVET):** (Level 3, Level 4 na Level 5);
- **Amashuri Nderabarezi (TTCs) :** imyaka yose (Y1, Y2, Y3).

**Ku wa kane, tariki ya 29 Ukwakira 2020, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira :**

- Muhanga, Huye na Gisagara **mu Ntara y'Amajyepfo,**
- Karongi na Rutsiro mu **Ntara y'Iburengerazuba,**
- Nyarugenge, Kicukiro na Gasabo mu **Mujyi wa Kigali.**

**Ku wa gatanu, tariki ya 30 Ukwakira 2020, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira :**

- Nyaruguru na Nyamagabe **mu Ntara y'Amajyepfo,**
- Rusizi na Nyamasheke mu **Ntara y'Iburengerazuba.**

**Ku wa Gatandatu, tariki ya 31 Ukwakira 2020, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira:**

- Kamonyi, Nyanza na Ruhango mu **Ntara y'Amajyepfo ;**
- Ngororero, Rubavu na Nyabihu **mu Ntara y'Iburengerazuba.**

**Ku cyumweru, tariki ya 1 Ugushyingo 2020, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri byo mu Ntara y'Amajyaruguru n'iy'Iburasirazuba.**

**2. ABANYESHURI BAZATANGIRA AMASOMO KU WA 23 UGUSHYINGO 2020 BIGA MU MWAKA WA MBERE (S1), UWA KABIRI (S2) N'UWA KANE (S4) Y' AMASHURI YISUMBUYE, GAHUNDA Y'INGENDO ZABO ITEYE KU BURYO BUKURIKIRA:**

**Ku wa Gatanu, tariki ya 20 Ugushyingo 2020, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira :**

- Huye na Gisagara**,** Nyaruguru na Nyamagabe **mu Ntara y'Amajyepfo**,
- Karongi na Rutsiro, Rusizi na Nyamasheke mu **Ntara y'Iburengerazuba,**
- Nyarugenge, Kicukiro na Gasabo mu **Mujyi wa Kigali.**

**Ku wa gatandatu, tariki ya 21 Ugushyingo 2020, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira :**

- Muhanga, Kamonyi, Nyanza na Ruhango mu **Ntara y'Amajyepfo ;**
- Ngororero, Rubavu na Nyabihu **mu Ntara y'Iburengerazuba**

**Ku Cyumweru, tariki ya 22 Ugushyingo 2020, hazagenda abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri byo mu Ntara y'Amajyaruguru n'iy'Iburasirazuba.**

**ICYITONDERWA:**

- Ababyeyi barasabwa kubahiriza ingengabihe y'ingendo uko iteganyijwe, bohereza abana hakiri kare kugira ngo bagere ku mashuri yabo bitarenze saa kumi n'imwe z'umugoroba, kandi bambaye umwambaro w'ishuri;

- Ababyeyi basabwe guha abana babo amafaranga y'urugendo azabageza ku mashuri bigaho;

- Abashinzwe uburezi mu Turere no mu Mirenge barasabwa gukurikirana igikorwa cyo kwakira abanyeshuri aho abagenzi bategera imodoka no gukurikirana uko bakirwa mu bigo bigamo;

- Abanyeshuri bose barasabwa gukomeza kubahiriza amabwiriza ajyanye no kwirinda icyorezo cya COVID-19 mu gihe cy' ingendo no ku mashuri harimo kwambara neza agapfukamunwa;

- Mu rwego rwo korohereza abanyeshuri mu ngendo, abanyeshuri bahagurukira i Kigali n'abandi banyura i Kigali berekeza mu zindi Ntara, bazafatira imodoka kuri stade i Nyamirambo zibajyana ku mashuri bigaho.

Bikorewe i Kigali, ku wa 21 Ukwakira 2020.

**TWAGIRAYEZU Gaspard**
Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Amashuri Abanza n'Ayisumbuye